Dufashanye

Kazuba afite ubumuga ku maboko.

Iyo turi mu rugo turakina tukishima.

Akenera ubufasha mu gukora imirimo.

Ku ishuri tumufasha kwandika amasomo.

Kazuba aba uwa mbere mu ishuri.

GS GIKOMERO

Downloaded by HAGUMA ANACLET on Tue, 18 Jun 2024 14:53:18 CAT

URUPAPURO RUGENEWE UMWARIMU WENYINE

IKINYARWANDA
Itariki : 20/06/2024

Isaha : 9h30-10h30

Umunsi wa kabiri w'ikizamini umwarimu asuzuma buri munyeshuri ku giti ke, amusomesha umwandiko wateganyijwe hanyuma akamubaza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

IKITONDERWA: Isaha yo kurangirizaho ikizamini izaterwa n'umubare w'abanyeshuri bakora ikizamini cyo gusoma.

UMUNSI WA KABIRI

Gusoma agakuru (amanota 10)

Soma agakuru gakurikira hanyuma uze gusubiza ibibazo nkubazaho.

Ikitonderwa

- Wibuke guha umunyeshuri urupapuro rwamugenewe ruriho inkuru yanditse mu nyuguti nini, hanyuma nawe ukurikire uko umunyeshuri asoma wifashishije uru rupapuro ruriho n'ibibazo byo kumva umwandiko.

- Mu gihe umunyeshuri asubiza ibibazo byo kumva umwandiko, murekere urupapuro ruriho agakuru ndetse umusabe kuba yarebaho mu gihe arimo ashakisha igisubizo k'ikibazo umubajije.

- Ku banyeshuri bafite ibibazo byo kuvuga badidimanga bahe umwanya uhagije wo gusoma inkuru mbere yo kubabaza ibibazo byo kumva umwandiko. Niba kandi gusoma aranguruye bimugora cyane, umuhe umwanya asome bucece, maze abone gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

GS GIKOMERO

Downloaded by HAGUMA ANACLET on Tue, 18 Jun 2024 14:53:18 CAT

Dufashanye

Kazuba afite ubumuga ku maboko.

Iyo turi mu rugo turakina tukishima.

Akenera ubufasha mu gukora imirimo.

Ku ishuri tumufasha kwandika amasomo.

Kazuba aba uwa mbere mu ishuri.

Ibibazo ku gakuru /amanota 10

1. Ni nde ufite ubumuga ku maboko?
2. Iyo turi mu rugo dukora iki?
3. Kazuba akenera iki?
4. Ku ishuri tumufasha iki?
5. Kazuba aba uwa kangahe?

GS GIKOMERO

……**IHEREZO**……

Downloaded by HAGUMA ANACLET on Tue, 18 Jun 2024 14:53:18 CAT